File 02/09/95

Kigali, kuwa 12 AOUT 1999

**REPUBULIKA Y'U RWANDA**

N°1178/07.02/06/99

Igi informations ziye zimenyeshwa za directions zose SG 02/8/99

MINISITERI Y'UBUTEGETSI
BW'IGIHUGU
B.P. 3445 KIGALI

A traiter par ..................
Date entrée : 20/8/99
N° Classement : 148.8/21.

Bwana Perefe wa Perefegitura
....................................(bose)

**Impamvu :** *Kwibutsa amabwiriza*

Bwana Perefe,

Nshingiye ku byemezo by'inama y'Abaminisitiri yo kuwa 15.06.1999, nishimiye kubibutsa amabwiriza ya Minisitiri w'Ubutegetsi bw'Igihugu n° 1048/03.09.01.15 yo kuwa 2/07/1980 agenga amahôro yakwa mu masoko y'Amakomini.

Byagaragaye ko ba Burugumesitiri, n'aba Persebuteri babo baka ayo mahôro uko bishakiye, hakavamo no kurenganya abaturage. Niyo mpamvu mboherereje kopi y'ayo mabwiriza kugira ngo namwe muyibutse ba Burugumesitiri kandi mubihanangirize ko kuyarengaho ari amakosa ahanwa.

Mboneyeho na none kubasaba kwibutsa ba Burugumesitiri ko umuntu wese ushaka gutema ibiti mu ishyamba rirenga hegitari ebyiri, n'ubwo ryaba ari ishyamba ry'umuntu ku giti cye, agomba kuba abifitiye uruhushya rutangwa na Minisitiri ushinzwe amashyamba cyangwa umuhagarariye. Iyo ishyamba ari irya Komini cyangwa iry'umuturage, urwo ruhushya rugomba gutangwa mu minsi itarenze mirongo itatu uhereye igihe urwandiko rubisaba rwagereye k'ushinzwe kurutanga. Iyo urwo ruhushya rutabonetse muri icyo gihe, bifatwa nk'ibyemewe.

Kubyerekeye gutwara no gucuruza ibikomoka ku biti (nk'amakara n'imbaho), ababikora bakwiye kwitwaza uruhushya ruteganywa n'itegeko, rutangwa n'inzego zishinzwe amashyamba zibifitiye ububasha.

Uruhushya rwo kugura n'urwo gutwara ibikomoka ku mashyamba zitangirwa ubuntu.

Mugire amahoro n'imirimo myiza.

**NYANDWI J. Désiré**

*Minisitiri w'Ubutegetsi bw'Igihugu*

**BIMENYESHEJWE**

- Nyakubahwa Perezida
  wa Repubulika y'u Rwanda
  **KIGALI**
- Nyakubahwa Visi-Perezida wa Repubulika
  akaba na Minisitiri w'Ingabo
  **KIGALI**
- Nyakubahwa Minisitiri w'Intebe
  **KIGALI**
- Madamu Bwana Minisitiri (Bose ) MIJESPOC
- Madamu Bwana Sekereteri wa Leta (Bose)

REPUBULIKA Y'U RWANDA
MINISITERI Y'UBUTEGETSI BW'IGIHUGU
B.P 3445, KIGALI

Kigali , le 2 Juillet 1980
N° 1078/03.09.01/5

**Objet** : Perception des taxes
de marché

Bwana Burugumesitiri
(Bose)

Binyujijwe kuri Bwana Perefe wa Perefegitura
(Bose)

Bwana Burugumesitiri ,

Kwaka amahôro mu ma soko ni ngombwa kandi mugomba kwaka amahôro yose.

Ibi ariko ntibigomba kuba impamvu cyangwa urwitwazo rwo kurenganya abaturage ngo mushakire amafaranga aho atagomba kuva kandi amategeko abereka aho mwagombye kuyavana.

Kugirango rubanda rudakomeza kurengana rero, amabwiriza akurikira agomba kubahirizwa.

- Umuturage uzanye imyaka avanye mu rugo iwe ntagomba kwakwa amahôro ahubwo abagura iyo myaka bajya kuyidandaza mu isoko nibo bagomba gutanga amahôro .
- Amahôro yo mubucuruzi bw'amatungo azakwa ababazi n'abacuruzi b'amatungo basanzwe bazwiho ubwo bucuruzi. Umuturage wavanye itungo iwe murugo akarigurisha ntazakwa amahôro.
- Mw'iyakira ryayo mahôro, ba Percepteurs biha kumvikana n'abadandaza ntibahôze, bagomba guhanwa.

- Kubera ko ubwo bucuruzi bw'ubumamyi butera akajagari, Komini igomba kugira Lisiti y'abantu badandaza, bemerewe n'inama ya Komini ko babishoboye, bamaze kwerekana amafaranga y'ifatizo azagenwa niyo nama ya Komini.

- Mboneyeho kandi umwanya wo kubibutsa ko ibyangombwa bitangwa na Komini (indangamuntu, ibyemezo by'amoko yose, n'ibindi...) bigomba kugurwa ku giciro cyagenwe n'amategeko. Ni ukuvuga ko attestation imwe igurwa 50Frw, Indangamuntu 20Frw, inkwano 100Frw. Abiha gushyiraho ikindi giciro bari mu makosa cyane kuko biba abaturage. Ibyo rero bagomba kubireka bakibona aya mabwiriza.

**Minisitiri w'Ubutegetsi bw'Igihugu**

**HABANABAKIZE Thomas**
( sé )

**BIMENYESHEJWE**

- Nyakubahwa Perezida wa Repubulika y'u Rwanda
**KIGALI**
- Bwana Umunyamabanga Mukuru wa MRND
**KIGALI**
- Bwana Minisitiri
( Bose)